CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
**Secrétariat Général**
**B.P. 357** Kigali / Rwanda
**Tél. :** (+250) 789 55 08 48
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

# ITANGAZO RISOZA IMIRIMO Y'INTEKO RUSANGE Y'174 Y'INAMA Y'ABEPISKOPI GATOLIKA MU RWANDA YATERANIYE KU RUYENZI KUVA KU ITARIKI 20 KUGEZA KU YA 23 GICURASI 2025

Guhera tariki ya 20 kugera ku ya 23 Gicurasi 2025, Inteko Rusange y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yateraniye kuri "Centre Pastoral" y'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda ku Ruyenzi, muri Diyosezi ya Kabgayi. Imirimo y'Inteko rusange y'174 y'Inama isanzwe yayobowe na Nyiricyubahiro Antoni Karidinali KAMBANDA, Arikiyepiskopi wa Kigali akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda. Inama yabimburiwe n'isengesho, saa yine n'iminota itanu. Abepiskopi ba diyosezi icyenda bitabiriye inama bose.

Umuhango wo gutangiza imirimo y'iyi Nteko Rusange witabiriwe kandi n'Intumwa ya Papa mu Rwanda Nyiricyubahiro Musenyeri Arnaldo CATALAN na Padiri Marcelo Halun wimenyereza imirimo y'iyogezabutumwa mu Rwanda waje amuherekeje.

Mu ijambo ryo gutangiza imirimo y'iyi Nteko, Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yashimiye Abepiskopi abaha ikaze, ababwira gahunda y'inama abifuriza kugira imirimo myiza. Yababwiye ibyishimo Kiliziya yose ifite kubera itorwa rya Papa mushya, Lewo XIV. Yibukije kandi ko inama yo mu kwa gatanu isuzuma muri komisiyo na serivisi za CEPR ahakenewe abakora ubutumwa.

Mu ijambo rye, Intumwa ya Papa mu Rwanda, yasangije Abepiskopi ubuzima bwa Papa mushya anishimira uburyo mu Rwanda hateguwe misa yo gusabira Papa Fransisko watabarutse no gushimira Imana yaduhaye Papa mushya, Lewo XIV no kumusabira mu butumwa bwe.

Umuyobozi w'Inteko Rusange y'Abepiskopi mu Rwanda yamurikiye bagenzi be gahunda yose y'inama uko yakabaye bityo bafatanya kuyemeza bamaze kuyikorera ubugororangingo.

## 1. Amakuru ya Kiliziya ku isi n'amakuru ya za diyosezi

Nyiricyubahiro Antoni Karidinali Kambanda yabagejejeho uburyo Kiliziya yose yari ihanze amaso i Roma muri Vatikani, nyuma y'urupfu rwa Papa Fransisiko, bategereje inkuru ikomeye yo kumenya Papa mushya. Yababwiye rero ko byagenze neza byose, bimurikiwe na Roho Mutagatifu, uyobora Kiliziya. Hakurikiyeho gusangira amakuru y'ingenzi yaranze buri

Diyosezi hagati ya Werurwe na Gicurasi 2025. Abepiskopi bongeye kugaragaza ko bababajwe n'uko hari abakristu badashobora guhimbaza Igitambo cya Misa kubera Kiliziya zigifunze kandi zujuje ibisabwa. Abepiskopi bababajwe kandi n'ifungwa ry'agateganyo ry'Ingoro ya Yezu Nyirimpuhwe mu Ruhango, basaba ko ababishinzwe basuzumana ubushishozi iki kibazo.

2. **Imyiteguro y'Inteko rusange ya 20 ya SCEAM (Ihuriro ry'Inama z'Abepiskopi Gatolika ba Afurika na Madagasikari)**

Abepiskopi bafashe umwanya wo kuvugana n'Umunyamabanga mukuru wa SCEAM ku bijyanye n'aho imyiteguro igeze. Barebeye hamwe urutonde rw'abazitabira inama hamwe na gahunda izakurikizwa muri iyo nama. Bemeje ko Komisiyo zizakomeza guhura, zikanafatanya n'abahagarariye inzego z'abafatanyabikorwa. Komisiyo ncungamutungo izakomeza gushaka inkunga izafasha mu mitunganyirize y'inama.

3. **Yubile y'impurirane**

Abepiskopi barebeye hamwe aho imyiteguro y'imihimbazo isigaye ya yubile y'impurirane igeze. Imihimbazo iri imbere ni yubile y'Ubusaseridoti izabera i Shangi muri Diyosezi ya Cyangugu ku itariki 14/06/2025, yubile y'Umuryango izabera ku Nyundo ku itariki 09/08/2025, yubile y'Abalayiki izabera i Byumba ku itariki ya 08/11/2025 no gusoza urugendo rwa yubile bizabera i Kigali ku itariki ya 06/12/2025. Muri rusange bishimiye ko imyiteguro igenda neza.

4. **Imiryango mishya isaba kwemerwa na CEPR**

Abepisikopi barebeye hamwe uko imiryango ifite aho ihuriye na Kiliziya ihagaze muri iki gihe. Basanze hakwiye umurongo mugari bose bagomba gukurikiza hakurikijwe amategeko ya Kiliziya, abo bireba bazabimenyeshwa. Bibukije ko imiryango mishya igomba gutangirira muri Diyosezi, zikaba arizo zibasabira kwemerwa ku rwego rw'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda.

5. **Gushyira mu bikorwa imyanzuro ya sinode**

Abepisikopi baganiriye ku myanzuro ya sinodi bafata icyemezo cyo kugira imwe n'imwe yashyirwa mu mirongo yakwifashishwa mu ikenurabushyo. Buri Diyosezi yareba iyabafasha kurusha iyindi.

1. Guharanira ubumwe bushyigikiwe n'urukundo muri Kiliziya.
2. Kwita ku ngabire ya buri wese muri Kiliziya.
3. Guhora hibukwa inshingano ikomeye ya Kiliziya yo kogeza ubutumwa.
4. Kwita ku mwanya ndasimburwa w'abalayiki muri Kiliziya.
5. Kwita ku rumuri rw'ukwemera abakirisitu bose bafite.
6. Gutega amatwi icyo Imana ibwira Kiliziya.
7. Kugira umutima wo gutega amatwi abandi ukumva icyo Roho Mutagatifu ababwira na bo.
8. Gufatanya n'Umwepisikopi mu butumwa bw'ikenurabushyo.

9. Kurangwa n'umucyo mu mikorere, kwisuzuma, kumenya gusobanura ibyo umuntu akora.
10. Kumenya gukoresha neza ububasha umuntu ahabwa n'ubuyobozi.
11. Gushishoreza hamwe no gufatira hamwe imyanzuro, umuntu adatsimbaraye ku bitekerezo bye bwite ahubwo bamurikiwe na Roho Mutagatifu.

**6. Komisiyo na Serivisi za CEPR**

Abepisikopi barebeye hamwe imirimo n'inshingano bya komisiyo na serivisi zahujwe. Basanze muri buri komisiyo hagomba imirongo migari yagenda yigwaho ikazashyirwa mu bikorwa. Bemeje ko hakorwa vuba inyandiko igaragaza inshingano za buri komisiyo na serivisi bityo, abazigize batuzuye bagashyirwaho.

**7. Imishinga ya "Centre Pastoral" n'Icyicaro cy'Inama y'Abepisikopi**

Abepisikopi bunguranye ibitekerezo ku buryo imirimo mike isigaye gukorwa ku nyubako ya "Centre Pastoral" ya Ruyenzi yakwihuta, ibyangombwa mu nzu bitaraboneka bigashyirwamo. Bifuje ko ahakomeza kwigwa umushinga wo kwagura ibikorwa byaho mu gihe kizaza. Bifuje kandi ko umushinga w'ibigomba gukorwa ku Cyicaro cy'Inama y'Abepisikopi, i Kigali ukomeza kunozwa. Hazakomeza no gushakwa abafatanyabikorwa muri uwo mushinga.

**8. Igitabo cy'amabwiriza ya Liturujiya: Duhimbaze Misa uko bikwiye**

Abepisikopi basomeye hamwe igitabo cyateguwe na Komisiyo ishinzwe Liturujiya n'Ihimbazwa ry'amasakaramentu, bagikorera ubugororangingo bemeza ko cyahabwa igihe cyo gushyirwa mu bikorwa ari nako gikomeza kunonosorwa.

**9. Igitabo ku mbuto z'iyogezabutumwa mu mateka y'u Rwanda**

Abepiskopi bongeye kuganira ku cyifuzo bamaranye igihe cyo gushyira ahagaragara ingero nziza zagaragaye mu mateka y'iyogezabutumwa gatolika mu Rwanda. Ibi bigamije ku gufasha abantu kubona by'ukuri uruhare rwa Kiliziya mu gufasha sosiyete nyarwanda kumenya Imana n'ubugingo bw'iteka, guteza imbere ubuvuzi no kwita ku buzima, gutsura amajyambere mu Gihugu, guteza imbere umuco n'amateka, kurwanya ubukene no gutabara abari mu kaga no kwimakaza ubumwe n'amahoro. Abepisikopi bemeje abagize komisiyo yo kwandika iki gitabo.

**10. Inama ya ACOREB (Ihuriro ry'Inama z'Abepiskopi Gatolika b'u Rwanda n'Uburundi)**

Abepisikopi baganiriye ku byavuye mu nama yabahuje n'Abepisikopi bo mu gihugu cy'Uburundi. Bemeje kandi ko hazagira abajya guhagararira Kiliziya Gatolika mu Rwanda muri Yubile y'imyaka 100 abasaseridoti ba mbere b'Abarundi bahawe ubupadiri, izaba ku itariki ya 06/12/2025.

**11. Inama ya ACEAC (Ihuriro ry'Inama z'Abepiskopi Gatolika bo muri Afurika yo hagati: Burundi – RDC -Rwanda)**

Abepisikopi baganiriye ku Nama ihuza Abepisikopi b'Uburundi, Kongo n'u Rwanda. Inama ya Komite ihoraho izabera mu Rwanda ku ya 28 kugera 30 Nyakanga 2025 i Kigali. Inama

rusange iteganijwe kuba kuwa 23-26 Ukwakira 2025 i Kinshasa. Bemeje abazabahagararira mu nama no muri komite.

**12. Urugendo Nyobokamana rw'Abakateshisiti i Namugongo**

Nyiricyubahiro Musenyeri Yohani Bosiko Ntagungira ushinzwe Komisiyo ya Kateshezi yagejeje ku bandi Bepisikopi uko urugendo nyobokamana i Namugongo rwagenze. Abakateshisiti bo mu Rwanda baherekejwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Filipo Rukamba, wacyuye igihe wa Butare. Urwo rugendo rumaze kuba umuco mwiza kandi abajyayo bahamya ko bigirayo byinshi. Abepiskopi bemeje ko abataragerayo na bo bajya bashyigikirwa bakajyayo. Baboneyeho kandi kuvuga ku rugendo nyobokamana rwabo i Namugongo ruzaba kuva ku itariki ya 1 kugera ku ya 4 Kamena 2025 muri gahunda yo guhimbaza Yubile y'imyaka 125 Ivanjili igeze mu Rwanda. Bemeje ko bazaturira Igitambo cya Misa i Munyonyo, aho inzira y'umusaraba y'abahowe Imana b'i Buganda yatangiriye.

**13. Ingoro ya Bikira Mariya i Kibeho**

Umwepisikopi wa Gikongoro, Nyiricyubahiro Musenyeri Selesitini Hakizimana, yagejeje ku bandi Bepiskopi aho kwishyura ubutaka bwo kwaguriramo ibikorwa by'ingoro bigeze. Abepisikopi bemeje ko Ibaruwa banditse ku mabonekerwa ya Kibeho irushaho kwitabwaho kugira ngo hakurweho urujijo ku mabonekerwa yabereye i Kibeho. Bemeje ko ubwo butumwa bugomba gushyirwa no mu zindi ndimi. Abepisikopi bakiriye neza umurimo wa komisiyo yashyizweho n'Umwepiskopi wa Gikongoro wo kwandika igitabo gikubiyemo ubutumwa bwuzuye, Bikira Mariya Nyina wa Jambo yatangiye i Kibeho.

Bongeye gushishikariza abakirisitu n'abandi bose bakunda Kibeho gukomeza gutera inkunga umushinga wo kwagura ubutaka bugenewe ibikorwa by'Ingoro.

Abepisikopi basoje inama n'isengesho bamaze kwemeza imyanzuro y'inama saa munani.

Bikorewe ku Ruyenzi, ku wa 23/05/2025

**Padiri Védaste Kayisabe**
Umunyamabanga Mukuru
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

**✠ Antoni Karidinali KAMBANDA**
Arikiyepiskopi wa Kigali akaba na Perezida
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
C.E.R.
B.P. 357 Kigali
Rwanda
* PRESIDENT *